# 29: Yesu ni w'ufit' izina ryiza

1.
Yesu ni w'ufit' izina ryiza, Mu mazina yose mur' iyi si. Iryo zina Yesu, Yesu, N'umubavu mwiza cyane rwose.

Ref:
Iryo zina rirakomeye, Rirashobora gukurahw ibyaha. Iryo zina Yesu, Yesu, Ni ryo rinezeza mu mutima.

2.
Nta n'irindi zina mur' iyi si Rifit' imbaraga n'ubugingo. Iryo zina Yesu, Yesu, Ryaririmbwe n'abamarayika.

3.
Ni ryo zina rihebuj'ayandi, Nde tse ni ryo ryahanits' ijuru. Iryo zina Yesu, Yesu, Ririmbwa mur' iyi si yose.

4.
Sinshobora kwibagirwa Yesu, Iryo zina n'agakiza kanjye. Yesu, Yesu nzamubona Turi mw ijuru tunezerewe.

Visit us at indirimbo.com